K0206675

~~K0206247~~
PK



| | |
|---|---|
| IDENTIFICATION | : 0082 - Av/931 DU 23/04/94 |
| DUREE | : 60 MIN. |
| QUALITE | : MOYENNE |
| TRANSMISSION | : RADIO RWANDA |
| DATE DE TRANSCRIPTION | : 17/03/2000 |
| NOM DU TRANSCRIPTEUR | : ICYITEGETSE Drocella |
| NOM DU FICHIER | : 0082.wpd |
| DICTAPHONE | : SANYO : BO - 760/19<br>Modèle : TRC-8080 |

**Contenu**

**FACE A :** * Florent KAMPAYANA parle de l'investiture du préfet de Gisenyi Charles ZILIMWABAGABO.

MUGENZI Justin, Ministre du Commerce, de l'Industrie et de l'Artisanat rappelle l'évolution de la situation après la mort du président HABYALIMANA.

* Interview de Frodouald KARAMIRA par un journaliste de Radio Rwanda sur la situation de sécurité dans différents quartiers de la ville de Kigali.

* Entretien de RWAKANA Gaspard, ORINFOR Gitarama avec les déplacés de guerre réfugiés au stade de Gitarama.

**FACE B :** * Suite de l'entretien de RWAKANA Gaspard avec les déplacés de guerre au stade de Gitarama.

* Un journaliste de Radio Rwanda annonce le cessez-le-feu du côté du F.P.R.

* Un journaliste de Radio Rwanda parle sur la visite du premier ministre, Jean KAMBANDA à la population de la ville de Kigali et à certaines autorités chargées du maintien de la sécurité.

* Jean-Baptiste BAMWANGA parle sur la visite du premier ministre, Jean KAMBANDA à la population de Kigali. Jean KAMBANDA appelle la population à rester vigilant et à maintenir la sécurité.

* Hyacinthe BICAMUMPAKA lu le communiqué du parti démocrate.

* Un journaliste de Radio Rwanda annonce la présentation du nouveau préfet de Gisenyi, Charles ZILIMWABAGABO.

Il annonce ensuite le cessez-le-feu du côté du F.P.R et les conditions exigées par ce dernier pour le respect de ce cessez-le-feu.

Dans son allocution le ministre Justin MUGENZI a rappelé l'évolution de la situation après la mort du président de la République, le général major Juvénal HABYARIMANA suite à un attentat contre son avion qui l'amenait de Dar-Es-Salaam dans un sommet régional pour la mise en application des accords de paix d'Arusha.

Le ministre a souligné qu'après cette disparition tragique du chef de l'Etat, les troubles s'en sont suivies, troubles au cours desquelles certains hauts responsables politiques du pays ont également trouvé la mort dont le premier ministre Agathe UWILINGIYIMANA.

Suite à ce vide politique, les cadres militaires ont mis sur pied un comité de crise qui a réuni les responsables des partis politiques faisant partie du gouvernement de transition pour former un autre gouvernement en se basant sur la Constitution du 10 juin 1991.

Le ministre a aussi rappelé que les Inkotanyi avec leurs complices, après avoir tué le président de la République ont repris la guerre sous prétexte que certaines personnes avaient trouvé la mort dans ces troubles et qu'ils prétendaient donc venir venger leur mort. Mais ces Inkotanyi, a souligné Justin, ont
été surpris lorsqu'ils ont constaté que nos militaires tenaient bon sur leurs positions et que partout ils marquent des points cela grâce au soutien de la population et au gouvernement fort.

Il a déclaré qu'il faut absolument vaincre cette guerre pour que dans l'avenir on n'ait plus à parler du problème des Inkotanyi. Et pour vaincre, il faut se serrer les coudes et être vigilant pour démasquer tous les ennemis où qu'ils soient.

C'est dans ce cadre aussi que le gouvernement a pu débloquer finalement le dossier des membres du comité de cellule qui avaient été classé par le dernier gouvernement qui voulait donner l'adresse aux Inkotanyi. Donc, ensemble nous vaincrons définitivement, a-t-il conclu. Soyons avec nos Forces armées en les appuyant autant que nous pouvons et avec notre gouvernement en suivant son

programme.

Pour sa part, le nouveau préfet de Gisenyi, Charles ZILIMWABAGABO a insisté sur la sécurité de la population et a indiqué que chacun doit donner sa contribution.

Il a cependant mis en garde ceux qui étaient dans la cérémonie contre ceux qui sont guidés par les règlements de compte. Il a souhaité que tout le monde soit discipliné comme nous l'a dit le président Juvénal HABYARIMANA et que de la sorte on attendra sans problème le programme que s'est situé le gouvernement, qui est tout d'abord le rétablissement de la paix dans notre pays.

Florent KAMPAYANA,
Correspondant de l'ORINFOR à Gisenyi.

**- Orateur Gilbert RWAMATWARA, journaliste de Radio Rwanda:**

Actualité nationale, signalons que le premier ministre Jean KAMBANDA s'est entretenu ce matin avec le commandant de la MINUAR, le général Roméo Dallaire, les deux hommes ont parlé des problèmes de sécurité dans la ville de Kigali. Les détails sur cette information nous parviendront dans nos prochaines éditions.

(Intermède musical).

**- Orateur non identifié :**

... mu gihugu cyacu. Ee... by'umwihariko ariko mu...mu... mujyi wa Kigali. Muri studio za Radiyo Rwanda hano turi kumwe na Bwana KARAMIRA Froduwalidi, Visi-Prezida wa kabiri w'ishyaka M.D.R. Twagira ngo atubwire kuri uyu wa gatandatu tariki makumyabiri n'eshatu Mata uko Kigali yaraye, n'uko yaramutse, ee... abatuye Kigali bamaze iminsi nk'ine cyangwa se itatu ee... bumva urusaku rw'imbunda zi...komeye, ba...ri ku nkeke y'ayo masasu, Kigali yaraye ite muri iri joro?

Ya...ramutse ite muri iki gitondo?

**- Orateur Frodouard KARAMIRA, 1er Vice-président du parti M.D.R:**

Ee... murakoze kumbaza icyo kibazo nk'uko nsanzwe menyereje kubwira Abanyarwanda, cyane cyane abatari mu mujyi wa Kigali, kugira ngo bamenye uko ibintu byifashe, bamenye uko intambara imeze, mu by'ukuri mu mujyi wa Kigali, kuva mbese ku wa mbere, uretse amasasu yagiye... avuga cyane hariya i Rebero, na yo amasasu yari agamije gukura abantu mu myobo, Inyenzi mu myobo, ubundi mu mujyi haragenda hagaragara amahoro buhoro buhoro. Ariko na none... bamwe mu bagiye batoroka i Rebero, bariyeri z'abaturage ziragenda zibatangira, nk'ejo... mu karere ka Nyamirambo batangiriye Inkotanyi, Inyenzi yibye imodoka, imwe ifite ibyangombwa ari isanzwe izi u Rwanda, ari kumwe, iri kumwe n'indi itazi u Rwanda, itagira n'ibyangombwa. Bati «ese muturutse hehe»? Bati «duturutse kuri Rebero». Ubwo urumva abaturage bahise bamenya abo ari bo, cyane cyane ko batagiraga ibyangombwa, kandi bashakaga ngo abasirikare b'u Rwanda. Urumva rero icyo ni igikorwa cy'abantu nk'abo ngabo binjira muri za quartiers gikorwa n'abaturage.

Ee... uko tubyumva na none, ee... muri Nyarugenge hari hasigaye segiteri Gasyata, numvise ko abasirikare bagomba kuba ba... bahakora uyu munsi, kugira ngo bakuremo Inyenzi zaba zarihishemo, noneho abaturage cyane cyane abari i Runda babone uko bataha bajye mu byabo. Ubwo Nyarugenge yose ikaba ari nzima.

Ee... Komine Kicukiro. Komine Kicukiro, uretse nyine hariya i Rebero, uretse kuri Nyanza hejuru, ubundi abo tubonana bo ku Kicukiro, batubwira ko hagendwa unyuze umuhanda wa Rubilizi ukagera i Kanombe. Ahatari hatungana na none, abo bavuye i Nyanza hejuru bazakora, ni kuri...ya... kuri SONATUBE, kubera ko hari izindi ntarutsi zirimo. Ndavuga intarutsi kuko ni nke. Ntawe ucyumva amasasu ku Kimihurura. Niba rero nta masasu ari ku Kimihurura, ni ukuvuga ko zagiye zinyanyagiza mu ngo, kugera kuri Centre Christus.

Ikindi... numvise na none, ee...ku baturage bavuga, baravuga bati «n'ubundi ngo intwari iragiye,

ariko ahubwo aho bari ni ho Inyenzi zihishe, byatubuzaga kurwana na zo». Ntabwo rero, icyo gikorwa si kuri MINUAR ubwayo bavugira bati «nigende byanze bikunze, ariko Inyenzi zayihishagamo. Ubu rero akazo na none urumva ko kashobotse. Icyo ni... ni uburyo bwa politike, cyangwa se bw'intambara, ntabwo twashoboraga kurasa kuri MINUAR yaraje ije kudufashe mu buryo bwa politike. Ariko igihe rero, abantu bayikingirizaga, batakiyifite, urumva ko akabo kazaba kashobotse. Umujyi rero muri rusange, ubwo... Kacyiru, na none Kacyiru y'ahagana kuri Camp militaire hameze neza, ariko Kacyiru y'inyuma, ntabwo... tuzi uko hameze kuko na ho ziracyihishemo. Ubwo rero Nyanza irangiye, za Kicukiro, urumva ko ahasigaye haba ari Kacyiru, ibintu bikarangira mu mujyi.

- Ee... aho ngaho ni imiterere y'umujyi, mu...ri iki gitondo no mu ijoro ryakeye, twagira ngo mutubwire aho ibintu bigeze, mu minsi yashize mwigeze kudutangariza ibyifuzo by'abaturage byerekeranye no kwirengera, ee... muza no gutangaza yuko mubona byari bikwiye yuko abaturage bakwigishwa uburyo buhamye koko bwo kwirengera.

- Ee... icyo ni cyo kibazo tugezeho muri iki gihe, ni na cyo gishya twavuga turimo gutangaza, kandi tubwira aba...turage n'Abanyarwanda bose, cyane cyane ko babisabwe n'ubutegetsi, natwe kandi tukaba tubisaba, ariko ubutegetsi bufata icyemezo, cyane cyane abaturage ubwabo ni bo babyisabiye, bavuga bati «iyi ntambara itarangira, mutubwire, ntitubasabye imishahara, ntitubasabye amafaranga, mutwigishe, mudutoze, tuyirwane». Ubu rero, cyane cyane aho navuga ni muri Kigali, inama zarakozwe, twakoze amanama yo kugira ngo tugire inyigisho ziri mu byiciro bibiri.

Icya mbere ni ukwigisha abaturage muri rusange. Cyane cyane abantu bakuru, abakozi bari mu... mabariyeri yabo, bamenye uko nibura bahagarara kuri bariyeri. Kuko ibyabaye i Gikondo byabereye isomo abaturage. Abantu bahagaze kuri bariyeri ari benshi, ari ikivunge cy'abantu, Inkotanyi zije zibarazamo. Ubwo rero ibyo byabaye isomo ku baturage. Ee... none bakagomba kwigishwa uburyo bagomba kwifata kuri za bariyeri. Bakagomba no kwigishwa kandi uburyo bakoresha imbunda zagiye zigera mu «makaritsiye» amwe n'amwe kugira ngo birengere. Nk'abo b'i Nyamirambo iyo bataza kugira igikoresho, iyo bataza kugira imbunda, izo Nyenzi ntibaba bazifashe. Urumva ko ari

K0206682

K0206240



ngombwa.

Bigashaka rero ko buri muturage wese agira icyo gikoresho, kugira ngo amenye uko yakwitabara, yakwirengera, abe azi kugikoresha.

Hakaba na formation ya kabiri. Formation ya kabiri igenewe urubyiruko. Urwo rubyiruko, twasanze bafata icumi muri buri selire, ati «kikaba ari cyo cyiciro cya mbere». Ni ukuvuga mu mujyi ko habayo abantu magana arindwi, magana inani. Mu minsi cumi n'itanu bakaba babonye formation nyayo, yo kumenya discipline za bariyeri n'iza gisirikare, igihe bakenewe cyose bakaba bahamagarwa. Ubu rero mu maselire barimo kureba uburyo batoranya abo bantu bakaba batanzwe n'abaturage. Uti «kuki»? Nk'igihe babahamagaye mu gisirikare, ubushize uzi ko bagiye bafata byihutirwa, ariko ntibafate abantu bafite ubudakemwa mu mico. Akaba ari bo babonye uniforme, bakabona imbunda, bakaba babikoresha ibyo abasirikare batabatumye. Tugashaka rero ko abo bantu batoranywa n'abaturage ubwabo, akaba ari intumwa zabo.

Ikibazo numvise, cyane cyane mu nama twakoreye i Nyakabanda ni icyo ndimo kumva mu iki gitondo, ni aho bamwe na bamwe muri Nyarugenge iyi, bavuga ko bashaka abafite ibyangombwa bya Nyarugenge, ba kavukire mbega. Ibyo ntibishoboka. Uyu mujyi utuwe n'abantu benshi, ndetse batahafitiye ibyangombwa, ariko ni bo bawurengera. Ni bo bari ku mariye... ku mabariyeri. Ahubwo bagomba kureba muri selire abahatuye bose baraziranye, bakamenya umuntu bahitamo ukwiye guhabwa inyigisho kugira ngo abafashe.

Uyu mujyi rero ni uwa bose, si uw'abahavukiye, no...cyane cyane ndetse abenshi, muri Nyarugenge ho ni na byo abenshi, nka bitatu bya kane ni abahaje kuhakora, bazanywe n'imirimo, bazanywe n'akazi, kandi bakaba na bo bahatuye, barengera ibyabo.Ubwo rero urumva ko icyo kibazo na cyo kigomba kwitonderwa. Iyo formation rero yarangira y'abo... basore, icyiciro cya mbere cyarangira hakajyaho ikindi. Ibyo kandi tukaba tubisaba mu Rwanda hose.

- Ee...ibyo ru... ibyo ari byo byose bigamije kugira ngo Abanyarwanda bakomeze kuronge... kurengera ubusugire bw'igihugu cyabo, ee... muri iyi minsi hakaba havugwa n'ikindi kibazo, ee... turi ku wa gatandatu, hari hateganyijwe, cyangwa se hanateganyijwe koko ko ejo ku cyumweru Arusha muri Tanzaniya hagombye kubera imishyikirano yahuza intumwa z'u Rwanda n'iza F.P.R-Inkotanyi. Mwe, mukunze kubonana n'abaturage mu...uko muca muri uyu mujyi buri gitondo umunsi wose, abaturage baravuga iki kuri iyi mishyikirano, ee...mwebwe mu ishyaka ryanyu mubitekerezaho iki?

- Ee... kuri iyo mishyikirano, ibyo mvuga ntibibe icyemezo cy'ishyaka kuko ntitwashoboye guhura wenda ngo dufate icyemezo, ariko ibiri mu mvugo z'abaturage, n'ibigaragara n'ibyo mbona, nanjye bwite, ni uko abaturage, dushyiraho Guverinoma twayisabye ko yakomeza imishyikirano. Gukomeza imishyikirano si ukuvuga ko urebye uko intambara imeze, urebye uko F.P.R yagabye biriya bitero, si ukuvuga ko imishyikirano itahinduka. Ndakubwira mu ishyaka ryacu icyandi... icyahinduka cya mbere. Twihanganiye ko TWAGIRAMUNGU yashyiraho Guverinoma. Kwihangana kumutiza. Ubu se aracyari umuntu watizwa? Aracyari umuntu se wihanganirwa? Ntiyoretse imbaga se? Ubwo urumva ko ku ishyaka ryacu, uwo muntu, uwo nguwo, simbivuga wenda kuko nta cyemezo twari twafata ariko uko mbona mu barwanashyaka, mu baturage n'ahandi hose, uwo muntu ntitumuzi. Najye ahagaragara tumubaze. Tumuzi, urumva rero ko uwo mu mishyikirano agomba kuvamo.

Ikindi, Prezida wa Repubulika baramwishe. Kandi yari mu iyo mishyikirano, yari muri accord d'Arusha, nta we uhari. Urumva icyo ni ikibazo gisubizamo imishyikirano.

Icya gatatu:
Urabona ibyo F.P.R yakoze. Yashyize ingabo mu baturage. Ishyira imbunda mu baturage. Yewe no kuvuga n'i Kigali. Wumvise ibyabereye i Nyakizu! Wumvise ibyareye ku Kibuye! Wumva ibiri i Musambira! Yashyize imbunda mu baturage, natwe dushyiramo abasirikare batambaye, kandi bafite imbunda n'intwaro, bituma haba ibibazo byose byabaye. Ubu se ikibazo cy'abasirikare cy'ingabo

K0206684

~~K0206238~~



za F.P.R urabona ko kitasubirwamo? None se niba yarakwirakwije izo mbunda mu baturage, igateza intambara hirya no hino hose, ikaba imaze abantu uko ubibona, mu baturage uko babivuga, urabona bakwiye gutegeka Ministeri ya Intérieur, Ministeri y'Ubutegetsi bw'igihugu? Ni urugero, ni ingero, ibyo ni ibyigwa, simbivuga kuko mu ishyaka, mu mashyaka, mu baturage, turi ijisho ry'abaturage, tukaba ijisho ry'ubutegetsi, tukaba ugutwi kw'abaturage, tukaba ugutwi kw'abategetsi. Turimo hagati. Ibyo mvuga ni ibi...garagara hano hanze. None se urabona ko iyi ntambara ko twagize imishyikirano, tukihanganira intambara yabaye ku itariki ya munani y'ukwa kabiri, ee... k'umwaka ushize, imishyikirano igakomeza, ubu ngubu urabona bizakomeza mu buryo bumwe?

Ikindi narangirizaho. Noneho F.P.R iragenda ibaza imishyikirano, inyura inyuma, inyura muri za OXFAM, inyura mu bihugu, ariko ntiyemera Guverinoma. Mbere se ko yashyikiranye na Guverinoma, ubu izashyikirana na nde wundi utari Guverinoma? Urumva rero mu by'ukuri, ahubwo uko abaturage babibona, uko babivuga, nibambare, bakenyere, turwane intambara tuyitsinde, maze imishyikirano ibe iy'impunzi n'Abanyarwanda, iy'impunzi z'Abanyarwanda n'u Rwanda. Ni ko abaturage muri iki gihe babibona.

- Hum. Ee... ibibazo byanyu byose biracyakomeye, icyo Abanyarwanda bakeneye, ndakeka kandi ndizera ko ari benshi bakeneye yuko u Rwanda rwasubirana amahoro nk'uko rwayahoranye. Ee... icyangombwa rero akaba ari ugushakisha imiti yose yaboneka kugira ngo ayo amahoro... agaruke koko. Ubu se muri Kigali mubamo, muzenguruka buri munsi, ahantu twavuga ko abantu bashobora kuba ba...garuka bagatura, kuko hari benshi bahunze uyu murwa mukuru wa Kigali, twavuga ko ubuzima muri Kigali bwifashe bute ku buryo abantu batahuka bakaza bakayibamo, ee... bitabagoye?

- Ee... ubundi muri Kigali abantu... twari dufite inkeke, urebye hose haturwa, uretse twa zones dukeya. Twa zones dukeya navugaga ni utwo twa Nyanza hejuru, na Rebero ku mutwe wa Rebero, ariko si ho abaturage bari. Kuko mu gitondo nabirebye, ee... ku Kimisange yo hasi yose, aho bita mu Cyumbati haratuwe, abantu bashobora kugaruka mu byabo. Gikondo yose, haruguru y'amashuri n'isoko, aho ni ho abantu bari bavuye kuko ni yo bariyeri yakozweho amarorerwa, aho ngaho nta

K0206685

K0206237



kibazo gihari, n'abahasigaye baracyahari. Aho na ho abahatuye bagaruka.

Ee...Kicukiro yose. ...konyine kugera aho bita kuri Ziniya, aho hose haturwa. Ee...Kagarama na yo yaturwa, igipande gisiganye ni uko kurangiza ikibazo cy'i Nyanza hejuru. Ikibazo cy'i Nyanza hejuru ntabwo kibuza abaturage ba Kicukiro kuhatura.

I Remera ku Kabeza nakubwiye ko abaturage baho twavuganye, baje no kundeba, bara...cyahatuye. Ee... Remera na yo y'inyuma, hirya y'isoko, hirya ya I.A.M.S.A hose, aho abaturage baracyahari. Ni ukuvuga ko ababa bari nko muri za Kibungo bagaruka aho i Remera bashobora kugaruka. Wenda babona inzira iruhije, ni ababa bavuye muri za Gitarama, za Ruhengeri bashaka ku wa... kunyura kuri SONATUBE cyangwa ku Kimihurura. Ni ako gapande konyine kadashobora guturwa.

Akandi gashobora kuzaturwa mu minsi nk'ibiri itatu, ni Gasyata. Na yo ni yo kubera bariya bari bagiye i Jali, bari bahaciye igikuba, ko ari na nyinshi kandi atari na nyinshi, abantu bahava byihuta, abo rero uretse icyo gikuba, mu minsi itatu bazaba bafite amahoro, kuko mu ayo mazu, amazu yagiye avamwo abantu, tuyagirira impungenge ntabwo twavuga ngo abantu bahite bagarukamo abasirikare batagezemo, n'abaturage bagihari cyangwa se nk'aba...yemo ngo babafashe barebe ko nta wihishemo wakonona ubuzima bw'abaturage. Aho rero hose haturwa.

Ariko mu guturwa na none, ee... ikibazo cya propagande ya F.P.R mpora nkigarukaho, imbunda bakwirakwije mu baturage, n'abasirikare n'amaliste y'Inkotanyi zagiye zikwiza muri za «karitsiye» na propagande barimo, iyo ngiyo iramara abaturage, barimo kwicira umutekano twese dushaka. Uwo mutekano rero, ndetse hakaba n'abavuga ibiterekeranye, batabajije u Rwanda, nk'ibintu byavuzwe n'u... uwitwa ko ahagarariye u Rwanda i Paris, avuga ko TWAGIRAMUNGU yajya mu mishyikirano. Ibintu nk'ibyo ababyumva, bajye babyima amatwi kuko ntaho biba bihuriye n'ubutumwa nyabwo bw'igihugu. Akaba ari na ho nahera mvuga nti «F.P.R kuba itemera Guverinoma yashyizweho n'amashyaka, amashyaka yashyizeho Guverinoma «banegosiye» ni yo akiyishyiraho, ni yo ngo yashyizeho indi, ayo mashyaka akaba ari amashyaka ari mu gihugu, barimo

K0206686

K0206236



kumara bene wabo. Barimo kumara Abatutsi, kuko iyi ntambara bayigize iy'amoko, kandi ni bo babiteye. Izo ntwaro zagiye zivumburwa, imyitozo yagiye itangwa, inama zagiye zikorwa, aho zibonye n'abagiye kuri ayo maliste, ni bo barimo kwicisha bene wabo, icyo kintu bagomba kukimenya.

Ku baturage naho bacu, na none ntabwo twaba...reka kubagezaho ubutumwa bukomeye. Abantu bafite imbunda bumvise amategeko yatanzwe, ko zigomba kuba muri quartiers, quartiers zatanzwemo guza. Si izo gukoreshwa mu yandi ma quartiers. Si izo guherekeza amamodoka agiye gusura abantu. Ni izo gukora gusa muri quartiers. Ibyo bikaba atari iby'abantu bahawe imbunda gusa no ku basirikare. Abasirikare badafite mission mu ma quartiers bagomba kumenya ko bagenda bikandagira, bakirinda imodoka z'abo bantu. Kuko icyo gihe izo mbunda na zo abaturage bazazibambura, kuko zizaba zishobora gukora ibintu bitemewe. Icyo kintu rero kirakomeye, nagira ngo abatwumva bose, ibyo bikorwa bamenye ko kwirinda, kurinda amakaritsiye, kurindi amabariyeri y'abaturage, na yo agomba kugenda agabanuka buhoro buhoro tureba ahakwiriye, cyane cyane ahagana mu makaritsiye «tukadeja» imihanda minini, imihanda minini ikaba iya bose, ariko mu makaritsiye akarindwa na bene yo, aho ngaho hagomba kurindwa. Ariko rero icyo kibazo kigomba kumenyekana.

Icya kabiri kigomba kumenyekana, ni amamodoka yagiye yibwa, abantu bamenye ko hari komisiyo yagiyeho yo gufata imodoka yose idatwawe na nyirayo. Kuko hari imodoka z'umutungo w'u Rwanda, n'imisoro y'abaturage ziri mu kwambutswa, zibwa, zijyanwa muri Zayire n'ahandi. Urumva rero ni imisoro yacu, ni ikibazo cy'abaturage, ntabwo dushobora kwemera ko zagenda ngo zive mu gihugu zitwawe n'abantu tutazi neza.

Ibyo byemezo rero byafashwe, byafashwe n'ubutegetsi, ariko n'abaturage bagomba kubyubahiriza, kuko ibyo bintu byose ni bo babikoreye.

**- Orateur RWAKANA Gaspard, ORINFOR Gitarama:**

Abavanywe mu byabo n'intambara y'i Kigali, benshi bafashe iya Gitarama, bamwe bakomeza bagana mu yandi maprefegitura, abandi bahashinga bulende zabo.

Mu bashinze inkambi mu mujyi wa Gitarama, hari abari muri stade, abari ku rusengero rw'Abapantekoti, n'abari kuri Diyosezi ya Kabgayi. Bose akababaro ni kamwe, nta cyo babona bikinga imbeho, nta n'icyo bashyira mu nda. Abo twavuganye ni abo muri Stade y'i Gitarama n'i Kabgayi. Ibibazo byabo ni bimwe n'ibyo abari ahandi nk'i Runda, mu Byimana, mu Ruhango, ndetse n'ahandi hatari muri Gitarama. Twumve amaganya y'izo mbabare.

**- Orateur Cyprien ZIRIMWABAGABO, déplacé de guerre:**

Njye nitwa ZIRIMWABAGABO Sipiriyane, naturutse muri Komine Bwisige, Perefegitire Byumba. Naje nje kurangura, nza ku wa gatatu, bigeze saa kumi n'imwe mu gitondo cy'uwa kane, twumva ko habaye impanuka ya Prezida w'igihugu, Jenerali Majoro HABYARIMANA. Ubwo bavuga ko nta wongera kugira aho ajya, duhama i Kigali, duhungana n'Abanyakigali, kugeza ubu ngubu turi hano i Gitarama muri sitade.

- Mwahunze ibintu bimeze bite?

- Twahunze ibintu bimeze nabi, bavuga ko Inkotanyi zitwirukankanye, zituri inyuma, ibyo ari byo byose ntabwo twabashije kuzibona, ariko twahunze twumva urusaku rw'amasasu rwinshi cyane.

- Hanyuma hano muri stade wowe umerewe ute ku giti cyawe n'abo muri kumwe?

- Hano muri stade, ndumva nta kumererwa neza guhari, hari imbeho nyinshi nta karangiti, n'inzara rwose itumereye nabi, kuko ntabwo tubona icyo turya, twari twaranguye ibintu twabibikije, none ubu ngubu nta faranga dusigaranye, ikibazo ni icy'inzara cyane cyane.

**- Orateur Lambert RUZINDANA, déplacé de guerre:**

Njyewe nitwa RUZINDANA Lamberi, nkaba nkomoka muri Komine Rutongo, Perefegitire Kigali. Naje nturutse mu Gatsata, ni ho nakoraga, mpunga ne... nerekeza iya gi...ino aha i Gitarama.

- Hum.

- Twaje duhunga Inkotanyi, kuko abantu baturutse Karuruma baje batubwira ko byacitse, natwe twumva urusaku rw'amasasu, turahunga kugeza ubwo tugera muri perefegitire Gitarama, njyewe ubwanjye ku giti cyanjye naraye i Musambira, muri Perefegitire Gitarama.

- Hanyuma se mujya guhunga nta masasu yageze aho mwari muri, mwa... mwahunze muta... atari yabageraho?

- Twebwe twahunze ataratugeraho, usibye ko twabonaga abantu baturutse i Kabuye n'a... n'ahitwa i... i Kabuye, Karuruma, baje batubwira ko bimeze nabi, ko baru... ko barusimbutse, noneho twebwe tukabona nk'ibikomere bamwe bafite, cyangwa akababaro ba...ba...bafite, icyo twabashaga kumva cyari amasasu.

Ubwo narakomeje ndaza, ngeze i Musambira mpahurira n'umusore, umusore wi... wihaye Imana ancumbikira kuva ku wa kabiri kugeza ku wa gatanu. Mpahaguruka na none ku wa gatanu umutekano umaze kongera kuba mukeya, ngera ino aha muri Gitarama muri Komine Nyamabuye y'umujyi, nongera guhura n'umusore wundi mwaka icumbi, arancumbikira, muri segiteri yitwa Musumba, hakurya muri Nyamabuye, nongeye kugaruka hano uyu munsi mu gitondo, umutekano waho naho uragenda nabi.

**- Orateur Emmanuel GAHUNGU, déplacé de guerre:**

K0206689

~~K0206233~~



Njyewe nitwa GAHUNGU Emanweli, nkaba narabaga ku Muhima, mu kugera aha ngaha nahageze bitewe n'uko Inkotanyi zari zimaze kurasa Radiyo R.T.L.M, mu kuyirasa tukumva ibisasu ari byinshi cyane ku buryo byageraga n'aho twari turi aho ku Muhima mu nsi ya Six heures. Mu kuza, ari barumuna banjye na... bashiki banjye, turaza tugeze kwa KABUGA badusubiza inyuma ngo turi abasore ngo tugende tujye kurwana, mu by'ukuri nta mbunda twari dufite ngo dushobora kurwana na bo, ubwo turaza, tugera Nyabugogo, intumbi nyinshi zari mu muhanda z'abasirikare b'Inkotanyi, kuko abasirikare bacu bari bamaze kuzica, ee... turaza ubwo naraye hariya i Karuruma, mu kurara i Karuruma ndarana n'abandi twari turi kumwe, bigejeje mu gitondo, ubwo abo twari turi kumwe bamwe nta bya ngombwa bari bafite, ubwo barabasigarana.

Mu gitondo ee... ku wa kabiri duhi... mpita nza kugera aha ngaha. Aha ngaha muri stade ya Gitarama. Ubu kugeza ubu nta kuntu merewe, udufaranga nari mfite twarashize.

- Utunzwe n'iki se?

- Hariho umukecuru nahasanze mwene wacu, ubu akoresha uko ashoboye utwo abonye tukadusangira.

**- Orateur Anysie MUKANKAKA, déplacée de guerre:**

Nitwa Anisiya MUKANKAKA.

**- RWAKANA Gaspard:**

Vuga cyane.

- Nitwa Anisiya MUKANKA iwacu hakaba ari i Butare. Kubera yuko twagize ikibazo cy'i...

K0206690

K0206232



cy'intambara, tuga... tukaba twaratewe n'amasasu, bamwe abantu bakaba batemana, abandi...

- Waturutse he?

- I Butare. Prefegitire Butare, Superefegitire Busoro.

- Ni yo wahunze uva uza hano?

- Oya, twahungiye i Bu...twa... twahunze tuva i Kigali.

- Mu yihe segiteri, mu yihe komine.

- Ku Muhima.

- Noneho tuvuye, noneho tu... turi ku Muhima kuko twararaga mu mazu nta wasohokaga n'umwe. Tugejeje, bigejejeho nko mu ma... bukeye nka... hashize nk'iminsi itatu turahunga. Duhunze, duhungira hariya hakurya i Ka... i Karama.

- Mwahunze ibintu bimeze bite ku Muhima?

- Byari bikomeye. Kuko barara... bararasaga kandi ha... harimwo na grenades kandi batemana. Tubonye ko bikomeye rero turagenda. Tugeze aho ngaho, ejo baratubwira ngo tuzaze. Ngo tuzagende, ngo tuzatahe iwacu ngo kuko ngo nta mpunzi zigomba kuguma iyo zahungiye. Tugejejeyo rero, twiyizira hano.

- None se uvuze ko iwanyu ari i Butare, none uri hano muri stade y'i Gitarama.

- Nagira ngo... nagira ngo ejo nzatahe na... uretse ko nabuze imodoka kubera uko nanonnye.

K0206691

K0206231



**- Orateur Zayinabo MUKANKUBITO, déplacée de guerre:**

Njyewe,...

**- RWAKANA Gaspard:**

Vuga cyane.

- Njyewe akababaro kanjye...

- Banza wivuge se?

- Hum?

- Witwa nde?

- Nitwa MUKANKUBITO Zayinabo. Iki... akababaro kanjye ni uko iwacu hateye abantu bakajya baza batemagura abantu, papa barabanza baramwica,

- Uhum.

- iwacu ni i Runda. Bakajya batemagura abantu, papa barabanjije baramwica, nuko bajya baza batwirukankana, turahunga tukarara mu bisambu, bucyeye duhungira mu Nkoto nta kintu tujyanye habe n'akenda, njyewe na data wacu ma masenge na murumuna wanjye, tugenda gutyo, nta n'ikintu cyo kurya dufite, none twahungiye hano muri iyi sitade, none akababaro ni uko ndeba inzara yenda kutwica.

K0206692

K0206230



**- Orateur Salomon MUGENZI, déplacé de guerre:**

Njyewe nitwa Salomoni MUGENZI. Akababaro kanjye ni uko nari ndi muri... muri Komine Runda, noneho Inkotanyi ziza ziturasa. Zimaze kuturasa noneho ubwo tuza duhunga, ariko ubwo nkaba nari nshaka gutaha. Ubwo nari ngeze muri... hariya aho bita muri Komine Runda, ubwo bara... baraturasa turahunga, duhungira hariya ku Ka...

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Wari ugeze muri Komine Runda uturutse he?

- Nari nturutse hariya i Sheli. Ubwo noneho turahunga, tugeze ku Kamonyi ubwo amasasu aza adukurikiye...

- I Sheli se muri Komine Runda ni ho iwanyu?

- Muri Komine... iwacu ni muri Komine Ndusu, Prefegitire ya Ruhengeri. Ubwo ngubwo rero noneho tugeze aho ngaho ku Kamonyi, bati «ngaho nimutahe». Tuti «ntabwo twataha, ntitwamenya aho dutahera tunyura». Ubwo bati «noneho muhunge n'ino aha dore byahageze abantu bara... barimo baratemana». Ubwo duhita dutaha, duhunga tuza hano kuri iyi sitade ya Gitarama. Ubwo tuhageze none imibereho yacu nta yo, ubu tumerewe nabi inzara irimo iratu...iradukuraho. Ubwo icyo ngicyo akaba ari cyo cyifuzo cyanjye nabagezaho.

- Nta wundi ushaka kuvuga....(inaudible)

**- Orateur Félicien NTAKIRUTIMANA, déplacé de guerre:**

Ni njyewe. Jyewe nitwa NTAKIRUTIMANA Felesiyane, nkaba mvuka iwacu i Gikongoro muri Komine Kinyamakara, nabaga i Kiga...

**Fin de la face A.**

**FACE B.**

**- Orateur non identifié, déplacé de guerre à Gitarama:**

...i Kigali, akabatiza agapikipiki rimwe na rimwe, igihe yabaga yabonetse, intambara yaje gutera baraye barashe Umukuru w'igihugu, turahunga bavuga ko Inkotanyi zafashe Burigade ya Remera, mpungira aho bita ...(inaudible) aho ureba Nyabaro... aho ureba amazi manini bita Muhazi, hagabanya Kigali, Byumba na Kibungo. Tuhageze dusanga abaturage bari gutemana, ubwo duhita dukata turagaruka, none ubu rero ndi i Remera hariya aho nabaga na none, tubona nta kigenda, nta mazi yo kunywa, nta byo kurya, ni bwo twiyiziye hano kuri sitade ya hano i Gitarama. Uretse ko imibereho yacu hano tumerewe nabi cyane, nta byo kurya, imbeho, ibintu byose, uretse kwa kwizeza iwacu ko nkiri muzima, ngo mbwire mukuru wanjye aho ari ntakimbara, nta rindi jambo ryanjye ngira ngo mvuge gusa ni iryo ngiryo.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

None se i Kigali aho wari uri wahunze ibintu bimeze bite? Inkotanyi zari zabagezemo?

- Zari zatugezemo tugira ngo zafashe Burigade ya Remera.

- Ntabwo zigeze zibarasa se?

- Ntabwo zaturashe gusa uretse ko duhunga za... twagendaga duhunga amasasu, ntabwo twari tuzi amasasu ayo ari yo niba ari Abanyarwanda cyangwa niba ari Inkotanyi barimo barasa.

**- Orateur Alphonse MUNYANKONGI, déplacé de guerre:**

Njyewe nitwa MUNYANKONGI Alphonse, iwacu akaba ari i Byumba muri Komine Kibali, nkaba nakoraga mu Gasyata muri Komini Rutongo, ku idepo ya byeri. Twavuye mu rugo mu gitondo nka saa mbiri Inkotanyi zatugezemo, nta kintu twahunganye uretse imyenda twararagamo.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Zibagezemo ibintu byari byifashe bite?

- Ukuntu byari byifashe, byari bimeze nabi, abaturage barahunga ari benshi, bamwe babarashe amaboko, hari n'umwana bari barashe igisasu kimukubita aka... akaguru, ubwo turakomeza turaza, twambuka Nyabarongo, ku munsi... hari ku munsi wa kabiri, icyakora twaraye tugeze ino aha, none nkaba menyesha ko bene wacu bari i Byumba, aho bita i Muhondo, ku nkambi n'umugore wanjye uri i Rubungo, muri Segiteri Nsororo, Selire Cyabasanzi, ...

- Mbere yuko umenyesha abo ngabo, wabanza kutubwira ukuntu hano muri sitade y'i Gitarama ufashwe.

- Muri sitade ndi hano njyenyine, ndi umwe, nkoresha uko nshoboye nkagenda nshangacanga mu bandi bavandimwe banjye, nkabona iramuko.

- Uravuga ko ugenda ucangacanga, kuva mwagera hano muri ino sitade nta... mfashanyo z'abagiraneza cyangwa se iza Leta zari zabageraho?

K0206695

K0206227



- Nta... nta ngoboka y'infashanyo twabonye kugeza n'ubu... kugeza n'uyu munsi, mbese inzara itumereye nabi, imbeho, ...(inaudible) bamwe bagiye bahungana n'ijana bakagura icyu... icyungo biriya by'Abatwa ni byo dutekamo tukabona iramuko.

**- Orateur Vénérande MUKARWEMERA, déplacée de guerre:**

Njyewe nitwa MUKARWEMERA Veneranda.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Vuga cyane.

- Nitwa MUKARWEMERA Veneranda, nkaba nabaga i Gikondo, kavukire yanjye akaba ari i Rwamiko ku Gikongoro. Nkaba narahunze nza i Gikondo duhunga Inkotanyi zari zatugezeho, zita... zatangiye kutwicamo abantu. Duhungira hano muri sitade...

- Ugereranije nka... mu gace kanyu k'i Gikondo zishe bangahe?

- Zishe aba... twasize zishe... zimaze kwica abaturage icumi, twasanze kuri bariyeri, zigenda... zabasanze kuri bariyeri ziraba... zira... zibabwira ngo iza...hum, zabasanze kuri bariyeri zibabwira ngo «a...»ngo «bene Sebahinzi baraje». Noneho abari kuri bariyeri baravu... baravuga ngo «bari maso». Ubwo bicamo abaturage icumi bari kuri bariyeri. Ubwo bukeye mu gitondo ni bwo barasaga cyane, ni bwo barasaga cyane, ni bwo barasaga natwe turahunga twirukanka, duhungira hano muri ino sitade, tuza...duhunga tuza i Gitarama tuza muri ino sitade. None i... icyifuzo cyanjye nagira ngo menyeshe ko ababyeyi banjye nkiriho.

**- Orateur Juvénal GATEMBEREZI, déplacé de guerre:**

Bon, nitwa GATEMBEREZI Yuvenali wo muri Komine Kibali. Nakoraga mu Gasyata, duhunga duhunga Inkotanyi zari zatugezemo, ubwo turahunga tugeze hariya Nyabugogo tubona imodoka y'umugiraneza iratujyana itugeza i Gatagara, tugeze i Gatagara turarayo umunsi umwe, ubwo noneho...

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Ee... mbere rero yuko utubwira uko mwageze i Gatagara, zi... zibagezeho mu Gatsata byagenze bite?

- Bwakeye neza... nyine twasohotse mu nzu za... zageze ku muhanda, ziri kubaza ngo abajanadarume bari hehe?

- Hum.

- Ubwo... ubwo abana bara... barababwira aho abajandarume bari bari, noneho zitangira kurasa. Zitangiye kurasa noneho twewe turirukanka, nta kintu twazanye, tubona imodoka y'umugiraneza tugera i Gatagara, turarayo rimwe, turagaruka, turara muri Superefegitire Ruhango, ...

- ... (inaudible)

- noneho ubwo noneho tura... tuti «reka dusange bene wacu i Gitarama, noneho turebe ko twabona udufashanyo tw'i... tw'ingoboka, none na hano ndabona nta kigenda, ubu inzara irenda kwica abantu rwose. None na... namenyeshaga bene wacu bari i Muhondo, ko tukiriho, turi bazima uretse inzara ni yo yenda kutwica.

**- Orateur Anastase NZABILINDA, déplacé de guerre:**

Nanjye nitwa NZABILINDA Anastazi, nkaba nkomoka muri Komine Gitesi ku Kibuye, nkaba nabaga i Kigali, ahitwa i Remera. Ubwo rero twaje duhunga, natwe duhunga Inkotanyi aho zari zimaze kutugeraho, ziri ku mashuri ya APAPER, ku gishule cy'abanyeshuri ni ho zari zikambitse. Ubwo rero twaje twiruka n'imodoka ya gisirikari ni bo bari baje kuduhungisha, ubwo rero ngibyo nagira ngo mbimenyeshe umuryango wanjye na baramu banjye ko nanjye ndi hano muri sitade i Gitarama, ntibagire ibibazo Imana nimfasha bazabona mbagezeho, naje hano uyu munsi...

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

I Remera se mwahunze bigenze bite?

- Twahunze, ubwo Inkotanyi ari zo ziri kurasa, zari ziri mu mashuri ya... y'APAPER harya haruguru, ubwo twari turi mu nsi yazo neza zi...duhanganye na zo, abasirikare b'u Rwanda ni ko bari kuzisubiza inyuma, ubwo imodoka ya gisirikare ni yo yaje iduhungisha itugeza hano i Gitarama.

**- Orateur NSANZAMAHORO, déplacé de guerre :**

Njyewe nitwa NSANZABAGA...

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Vuga cyane.

- Njyewe nitwa NSANZAMAHORO. Iwacu hakaba ari muri Komine ya Kibari, Segiteri ya Rango. Njyewe... ee... njyewe ndashaka kumenyesha abanyumva bose ko bagomba kudusabira ibyo kurya, dore imyenda nambaye ni iyi ngiyi yonyine gusa, nta cyo kurya dufite, turi aho ngaho twicwa n'inzara.

**- Orateur non identifié, déplacé de guerre:**

Nahunze... nturutse i Gacuriro, muri segiteri Kagugu, nduhukira i Runda, nahamaze iminsi itatu, nza kuza...hano i Kabgayi bitewe n'ibibazo bya... umutekano muke wari mu baturage.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Kagugu se m... mwahunze bimeze bite?

- Twahunze bamaze kutura... ee...Inkotanyi zimaze kuturasaho, zirasa ama... mu mazu yacu amasasu, zimaze no kwica abantu bamwe na bamwe, abantu bageze nko kuri cumi na batanu.

- Mu karere kanyu gusa ka Kagugu.

- Mu karere kacu ka Kagugu.

- Uhum.

- Du moins abo nashoboye kubona.

**- Orateur Oswald SIBOMANA, déplacé de guerre:**

Nitwa SIBOMANA Oswalidi, nkomoka muri Komine Rutongo, twari twaraye amarondo icyo gihe Inkotanyi zituruka hepfo ziraturasa, ziturasamwo abantu benshi cyane, benshi ariko, nkaba menyesha ababyeyi banjye batuye i Nyagasambu, ee... i Nyagasambu ni Rodiya UWIMANA, na... na barumuna... na murumuna wanjye ...(inaudible) Aluferedi ko nkiriho. Kandi nkabamenyesha ko n'abana wenda baje kubona... abo... ee... mbaririje abakeya bane, turi kumwe hano i Kabgayi, n'umugore wanjye yasigaye ku bitaro... yari yaramaze kubyara abana babiri, witwa AKOYIREMEYE Berenadeta ndabamenyesha ko mwe mushoboye kudu... kudutumikira, mwamubwira ko nkiriho.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Zibarasamo se mu gace kanyu hapfuye abantu nka bangahe?

- Hapfuye abantu bageze kuri... ee...zaje ubundi tugereranyije twa... twasangaga twe... zari... zari Inyenzi zigeze kuri magana ane na mirongo itanu, ariko batwiciramwo abantu bose, abandi

barababoshye, bababohera inyuma, barabajyana nk'imbohe ntabwo tuzi aho baherereye. Kugeza ubu ntabwo turababona.

- Ari abo..., abo zajyanye na bo nta herezo ryabo muzi?

- Nta herezo ryabo tuzi. Uretse abo bishe bangahe, ba... batandatu. Bababaga n'ibyuma.

- Aha se muri, aha ngaha muri i Kabgayi, muriho mute? Mbese uko mumerewe?

**- Orateur non identifié, déplacé de guerre:**

Hano ntabwo tumerewe neza cyane kubera ubwinshi, n'ubwo wumva ngo turi Abanyakigali, nyamara abenshi ni Abanyagitarama, a... abo twahunganye bo mu maperefegitire bashoboye gutaha, nk'abo muri za... Cyangugu, ku Kibuye, Butare, abakiba aha ngaha ngira ngo ni Abanyakigari bo mu duce nyine tukirimo i... imirwano. Hano rero uko tumerewe, ntabwo ari neza cyane kubera ubwinshi, wa muhungu uko amaze kubivuga, ndu... ndumva nta n'ikindi nabivugaho, kuko nta n'ibiryo dufite, reba nk'iyi saha aho igeze, abantu kuva mu gitondo kugeza kuri uyu munota batarabona icyo kurya, ino aha nta n'ibiryo bihari, harashonje, ubwo rero abantu... n'ufite ifaranga akabura iyo... iyo yabiha... icyo yahibihaha, icyo yabihahisha, ee...ikindi ee... ni uko n'abaturage ubwabo barimo basubiranamo, umuntu akaba atajya no... no mu baturage, iyo umuntu ageze mu baturage batwita ngo

ni... ni... ngo ni Inkotanyi yatashyeyo, ibyo ngibyo bigatuma tutamererwa neza.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Yee, uvuze ko bamwe mu baturage basubiranamo, wowe uri hano, mwe muri hano muriho nabi kurusha nyine abo ngabo wenda basubiranamo kubera kuko bo barwana wenda kuko wenda barenzwe, wabwira iki nyine abo baturage bandi, wowe ko wahungishijwe n'intambara, abo baturage bandi bari muri ibyo byo ku... shwanirana?

- Icyo nababwira ni uko bareka uwo murengwe wo kurwana bamaze guhaga, bakareka gusubiranamo, kuko njyewe mbyita umurengwe kuko nta masasu yabateye, ni ukushaka kuryana ku... busa gusa, bari bakwiye kubireka, bagasubira iwabo, bakareka abarwanisha amasasu akaba ari bo ee... bazakizwa ni uko wenda umutekano ugarutse, cyangwa se wenda bamwe batsinze simbizi, nyamara aba ngaba bakomeje kurengwa ngo bakomeze kwisubiraniramo.

**- Orateur Athanasie, déplacée de guerre:**

Njyewe nitwa KAMU...Tanaziya wo muri Komine Butamwa, Segiteri Kigali. Na... nahunganye abana batatu, mfite abana batatu hano, kandi abo bana bata... kandi abo bana na bo, na... na bo bamerewe nabi cyane kubera inza... inzara igiye kubica, none kandi njyewe rwose icyifuzo cyanjye numva navuga ni uko Imana yatubabarira rwose wenda hakaza umutekano tukaba twataha, tukaba twasubira mu ngo.

**- Orateur Célestin BULIJE, déplacé de guerre:**

Nitwa BULIJE Selestini, nkaba nkomoka muri Segiteri Gihogwe, muri Komine Rutongo. Nkaba... mu ijoro ryo ku wa... ku wa kabiri w'icyumweru cyashize, Inkotanyi zaje zimanutse i Bweramvura na Kabuye, zitera i Gihogwe zijya... zigana i Jali zigenda zica abaturage, ziratwica cyane. Tuza guhunga tugi... tuza guhunga mu gitondo dusimbuka intumbi, tugeze ku mashuri y'igihogwe

baraturasa cyane. Uwacitse ku icumu ni we wageze ino aha ngaha, nuko ubwo naraje njyewe ndara hariya i Runda, ndara nta mwana mfite kandi nari mfite abana bane, hanyuma... nza kubona abana batatu mu gitondo cy'aho, none kuva ejobundi nazamukiye ngana hano i Kabgayi, njya gushaka umugore n'umwana, kuko narababonye, ariko aho ndi aha ngaha tumaze nk'iminsi nk'itatu n'abana, nta cyo nari nafata, nta cyo nari nagira gute, ku buryo inzara itumereye nabi.

**- Orateur Faustin NKUNDANYIRAZO, déplacé de guerre:**

Njyewe nitwa NKUNDANYIRAZO Faustin, nari ntuye mu Gatsata. None ndi umusore hano muri bulende i Kabgayi rwose dufashwe nabi nta kigende, twebwe turifuza kugira ngo ubutegetsi burebe ukuntu twajya mu ngabo, batujyane mu ngabo rwose, naho ubuzima bwa hano ndabona nta kigenda, ubwo... na none ni abaturage baturukanyeho i Gitarama na bo turabona batubangamiye, na bo twewe twagiye duhunga amasasu, bo ni ukwisubiraniramo gusa, ndumva ikibazo cyabo bagombye kubashyira ukwabo natwe tukaba ukwacu, naho kubana na bo tubona bitubangamiye.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Yee, wowe uravuga uti «ndi umusore, ubutegetsi buba bukwiye kudushakira uko twa...jya nko mu ngabo, ariko se waba utekereza iki kugira ngo uhunge mu gihe i Kigali hari abasore benshi basigaye bari ku mabariyeri, ee... barinze uturere twabo?

- Mu guhunga rero, twa... byaturutse mu Gatsata. Byari bimeze nabi, ubwo twese twari tukiruka, duhunga twerekeza ino i Gitarama.

**- Orateur Espérance UWIRAGIYE, déplacée de guerre:**

Njyewe nitwa UWIRAGIYE Espérance. Nkaba nkomoka muri Komine Rutongo, Segiteri Jabana. Twagiye kubona tubo... ari ku cyumweru, tubona ingabo z'u Rwanda ziramanutse zigiye kurwana n'Inyenzi, noneho abaturage baza batubwira abasore b'aho ngo «nitujye mu nzu turyame». Tugiye kumva twumva barimo bararasa, turirukanka. Twirukanse duhura n'igitero cy'Inyenzi. Zicamo umuntu umwe, noneho twebweho baraturasa tumanuka igikombe, tugeze kuri Komine turaharara, turagenda tugeze mu Cyuga barahadukura tujya i Gihogwe. Tugeze i Gihogwe, ba... Inyenzi ziraturasa, duhita tuza twirukanka. Ubwo mbura ababyeyi banjye na ... na bakuru banjye, nkomeza

kugenda mu nkambi njyenyine, ngiye kubona mbona umuntu wari uvuye ino aha ngaha, araza arambwira ngo «bari hano», ndaza ndabasanga.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Ubu hano, mu... bantu bo mu muryango wanyu nta bantu bishemo?

- Ntabwo mbizi kuko bose ntabwo turi kumwe, tujya turi... turi hano turi batatu. Bishoboka kuba nyogokuru ari we bishe.

- Nawe vuga uko...

**- Orateur non identifié:**

Hum?

- Nawe vuga... vuga uko witwa utubwire na... n'iwanyu aho waturutse.

**- Orateur Patrick NSHIMYIMANA, déplacé de guerre:**

Nitwa NSHIMYIMANA Patrick. Naturutse mu Gatsyata.

- Wavuyeyo bimeze bite se mu Gatsyata? Se ufite imyaka ingahe?

- Mfite imyaka cumi n'ine.

- Mu Gatsyata wa...(inaudible)

- Na... na... naturutseyo... naturutse... na... naje mpunga.

- Wasize se ibintu bimeze bite uhunga kugira ngo...?

- Nasize bari kurasana.

**- Orateur non identifié, déplacé de guerre:**

Ubundi mwatugereye ko hariya mu Gasyata, umuhanda Nyabugogo-Gatsata kugeza Nyacyonga ubutegetsi bwabujije uriya muhanda bukavuga ko wenda Inkotanyi zaba zaravuye mu mihanda...(inaudible) tugasubira mu byacu.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Wowe ufite imyaka ingahe sha?

**- Orateur Déogratias NTAGANZWA, déplacé de guerre:**

Njyewe ntabwo ndi...(inaudible)

- Ufite imyaka ingahe? Waturutse hehe? Tubwire nawe.

- Njyewe nitwa NTAGANZWA Dewogaratsiyasi, nkaba naraturutse muri Perefegitura Gitarama, Segiteri Gitinsi.

- Komine yihe?

- Komini Masango.
- Ufite imyaka ingahe?

- Mfite imyaka cumi n'itanu.

- Wa... wageze hano ute se?

- Nageze hano kubera ikibazo cy'uko abo hakurya y'uruzi bo ku Kibuye bari baduteye, bakajabu... bakaza badutwikira amazu, banatwica, bajyana n'inka.

**- Orateur Emmanuel, déplacé de guerre:**

Ee... iwacu ni muri segiteri Rwahi, Komine Shyorongi. Bikaba... hum?

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Izina ryawe?

- Izina nitwa ...(inaudible) Emanweli. Emanweli. Iwacu ni muri Segiteri Rwahi, Komine Shyorongi. Ndasaba abaturage bari mu guterana... basubiranamo, bada...(inaudible) kandi nta cyo dupfa, nabasabaga kugira ngo rwose batubabarire dusubire mu byacu.

**- Orateur Jean NSENGIYUMVA, déplacé de guerre:**

Njyewe nitwa NSENGIYUMVA Yohani. Nahunze mu Gatsata byari bimeze nabi Inkotanyi zihanganye n'ingabo z'u Rwanda, amasasu ariho avuga cyane ari urufaya. Ubwo twaje twirukanka twaraye irondo, udukoni twari dufite twari twiraye, byose barabitwambura, noneho ubwo tugera ino aha i Gitarama dusanga hano i Kabgayi dusanga nta kigenda rwose mu bintu byo kurya, nk'ubu

tugera iki gihe mu ma saa munani, saa cyenda nta kintu turabona, tukaba twifuza ko mwashaka ukuntu rwose mwa... mwatuvuganira, bakaduha ibyo kurya hano aho dukambitse hano mu ikambi.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Ariko... nibura ku munsi murarya?

- Ku munsi turarya ariko nti bitinze mwafasha. Mwashobora gufasha abo nka ku... mukabwira Croix Rouge yenda ikajya itwoherereza ibyo kurya, kuko ino aha nta kigenda.

**- Orateur NKULIKIYE, déplacé de guerre:**

Njyewe iwacu... nitwa NKULIKIYE, ni muri Komine Kivuye, Prefegitura ya Byumba. Segiteri ikaba ari Bungwe, nkaba naraje na yo...ndi mu nkambi i Rutongo, Inkotanyi zidukuramo zidukubita, zinatwica, ndetse abenshi bahasize agatwe, ubwo ndi aha nabuze mukuru wanjye KARASIRA, na... mwene data witwa NIKONIKO Aloyizi ndamubura n'utwana twanjye tubiri, ubu nkaba ndi n'umugore gusa n'akana kamwe.

**- Orateur RWAKANA Gaspard:**

Ee... wowe uvuze ko waturutse i Kivuye, ni ku mupaka w'u Rwanda n'u Bugande, none ugeze i Gitarama, kurinda uva iwanyu kugera ino aha ugenda... umeneshwa n'i... n'Inkotanyi. Ubu ngubu wazibwira iki? Ni ikihe gitekerezo uzifiteho?

- Icyo nazibwira ni uko bakura icumu. Zikumva ko twese turi ibiremwa by'Imana, hanyuma twe tugasubira mu rugo n'abaturage bandi bahunga ari byo bahunga, mbese zikumvikana n'ubutegetsi bw'u Rwanda, ku buryo bagabana ubutegetsi ninga se bakumvikana mu by'ubutegetsi, ariko inzirakarengane zigasubira mu byazo. Akaba ari cyo nakongeraho. Na Burugumestre wacu nyine, aho yaba ari hose, akamenya ko turi ino aha ngaha i Kabgayi, turi benshi, Cyumba na Kivuye barimo benshi, nyuma bakazaza nko kutujyana se bakareba aho abandi bagiye bahungira mu nkambi, natwe bakaduterezayo tukajyayo, ariko ...(inaudible) nabi. Nta biryo, nta gasafuriya, nta kalingiti, nta... n'agahema twari dufite kasigaye mu nzira, mbese ntitwandu...dusabye ubutegetsi yuko bwa...kwisubiraho, noneho Inkotanyi ariko zikumva ko natwe turi ibiremwa. Ni byo tubaza nta kindi.

- Mwiyumviye ko izo mbabare aho ziri, nta mibereho ndetse nta n'agafashano kabageraho. Ubutegetsi bwa Prefegitura ya Gitarama, Superefe GATSINZI twasanze njyewe n'abakozi bamwe ba perefegitura batanga ibyangombwa ku bashaka kwerekeza mu yandi maperefegitura. Abahabwa ibyo byangombwa bamwe bahera aho batarabona uburyo bwo kugera mu maperefegitura yabo, kubera ko amabisi Leta itanga akiri make kugira ngo abakomezanye.

Superefe GATSINZI yatubwiye ko nta kindi bamarira izo mbabare. Ubutegetsi bwa Diyoseze ya Kabgayi ni bwo bugerageza gukubita inzu ibipfunzi, bukabonera imbabare zimwe icyo zishyira mu nda. Ari izihabwa, ari n'izitaragira icyo zibona, zose ntako zimeze. Izo mbabare ziri i Kabgayi zimwe ni izaturutse i Kigali, zatangiye kuhagera ku itariki ya cyenda n'iya cumi, izindi zaturutse mu turere twabayemo imvururu, zikaba zaratangiye kuhagera kuri cumi na munani ku wa mbere w'iki cyumweru. Kugera n'uyu munzi izo mbabare z'ingeri zose ziracyahagera.

Kuri cumi na gatatu ni bwo Diyoseze ya Kabgayi yashyizeho Komite yo kugoboka izo mbabare

izitaho. Iyo Komite ikaba ifite n'urwego rushinzwe umutekano rugerageza kugenzura izo mbabare zose uko zigenda ziza.

Ubuyobozi bwa Diyoseze ya Kabgayi bwatubwiye ko butanga uko bwifite, ari yo mpamvu abahagera muri iyi minsi nta cyo babona. Ubuyobozi bwa Diyoseze ya Kabgayi bwatubwiye ko busanga izo mbabare zisa n'izatereranywe kuko ntawe uzigoboka.

Ibibazo by'izo mbabare nta wabimara inyuma, ababishoboye nibazitabarize, n'abagiraneza bazigoboke zitarananguka zose. Mwakoze kudutega amatwi, mwari kumwe na RWAKANA Gaspard.

**- Orateur non identifié, journaliste de Radio Rwanda:**

L'élément à ajouter à cette inspection c'est que ...nous ... (inaudible) de Arusha, nous apprend que la... les casques bleus de la MINUAR pourraient retourner au Rwanda, que les négociations entre le gouvernement intérimaire et le Front patriotique rwandais aboutissent à un cessez-le-feu et que il a été invité aujourd'hui à Arusha par le représentant des Nations-unies, Jacques Roger Booh Booh.

Les négociations entre le gouvernement et le F.P.R doivent débuter aujourd'hui à 18 heures locales, aujourd'hui à 17 heures, heure de Kigali. ...(inaudible) la présidence du premier ministre tanzanien John Malekela, mais de nombreux délégués ne sont pas toujours arrivés à la mi-journée à Arusha.

Le secrétaire général de l'ONU, Boutros Boutros Ghali a autorisé à maintenir..., a autorisé monsieur Booh Booh à maintenir leurs soldats à Naïrobi pour que ils puissent rapidement retourner au Rwanda s'ils obtiennent un cessez-le-feu.

Le conseil de sécurité de l'ONU avait décidé ...(inaudible) très bien, jeudi soir, de laisser seulement ...(inaudible) hommes au Rwanda contre deux mille cinq cents avant les combats.

Pendant ce temps, euh... le... le Front patriotique rwandais a annoncé aujourd'hui à Arusha un cessez-le-feu unilatéral à partir de lundi à 21 heures temps universel.

Le F.P.R a ajouté que ce cessez-le-feu ne serait respecté que si le gouvernement intérimaire rwandais acceptait de mettre fin aux actes... (inaudible).

**- Orateur Hyacinthe BICAMUMPAKA, journaliste de Radio Rwanda:**

Dufite saa... kumi n'iminota mirongo ine n'ibiri hano i Kigali, mukomeze rero mugire umunsi mwiza...
...yashyizweho n'uwo muri... na Ministri w'Intebe, Nyakubahwa KAMBANDA Yohani, ikaba isabye Guverinoma gukora uko ishoboye igashyira mu bikorwa Programu yihaye.

Parti démocrate isabye Guverinoma gukora ibishoboka byose kugira ngo ihagarike ubwicanyi n'imvuru bikomeje guhitana inzirakarengane. N'ibindi bikorwa byose bibangamiye uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Parti démocrate isabye ikomeje F.P.R gushyikirana na Guverinoma igashyira intwaro hasi maze inzira y'imishyikirano ikaba myi... ikaba myiza, kuko amasasu ...(inaudible) azakemura ibibazo by'Abanyarwanda.

Nk'uko parti démocrate itahwemye gutangariza Abanyarwanda, abari barasinye amasezerano y'Arusha, bamwe muri bo ni bo babaye aba mbere mu kuyica.

Parti démocrate irasaba abashyamiranye gushyira intwaro hasi, maze amasezerano y'Arusha agashyirwa mu bikorwa, ariko habanje gukosorwa ingingo zimwe na zimwe kugira ngo ayo masezerano asohoke.

~~K0206213~~

K0206709



Bikorewe i Kigali, tariki 23/04/94
KABANDA Dominiko,
Membre du Comité-Directeur ni we wasinye.

Umuyobozi w'ikigo gihugura abakozi cy'i Murambi i Gitarama aramenyesha aba bakurikira...

(Intermède musical)

**- Orateur non identifié, journaliste de Radio Rwanda:**

Guverinoma y'u Rwanda isanga imishyikirano ari yo ya ngombwa, kuko intambara idashobora gukemura ibibazo bya politiki iki gihugu cyacu kirimo muri iki gihe. Ibyo Ministre w'Intebe, Nyakubahwa...

Inkotanyi zikwiye gufasha intwaro hasi, ibibazo byose bigakemurwa binyuze mu nzira y'imishyikirano. Ibyo ni ibya... ni ibisabwa n'Abihayimana ejo bagiranye inama na Ministre w'Intebe KAMBANDA Yohani.

Ejo kandi Ministre w'Intebe yagendereye abaturage bo mu duce tumwe na tumwe tw'umujyi wa Kigali, anabonana n'abayobozi b'inzego zishinzwe kubumbatira umutekano na bamwe mu bafasha u Rwanda kugoboka abari mu kaga. Iby'iyo mibonano yose turabibwirwa na... na Yohani Batista BAMWANGA.

**- Orateur Jean-Baptiste BAMWANGA, journaliste de Radio Rwanda:**

Prezida wa Repubulika, Ministre w'Intebe, abagize Guverinoma kimwe n'abandi bayobozi bo mu

~~K0206212~~

K0206710



nzego zose, bakomeje gushaka uko ituze n'umutekano byagaruka, banashyigikira ingabo z'igihugu n'abaturage mu rugamba u Rwanda rurwana n'umutwe wa F.P.R-Inkotanyi kuva mu mu w'igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo cyenda.

Muri urwo rwego, ejo Ministre w'Intebe, Bwana KAMBANDA Yohani yanyarukiye mu makaritsiye amwe n'amwe ya Perefegitura y'umujyi wa Kigali yirebera uko ibintu byifashe n'uko abaturage bahagurukiye kurwanya umwanzi. Aho yanyuze hose, Ministre w'Intebe yasabye abaturage gukomera ku mutekano wabo, abibutsa ko umwanzi atari ubwoko, ko umwanzi atari abo... atari umuturanyi, ko ahubwo umwanzi ari uwo muntu wese, uwo wese ushaka gufata ubutegetsi ku ngufu, agamije

kugarura abaturage mu buhake burangwa n'igitugu. Muri demokarasi ubutegetsi ni ubw'abaturage, butangwa n'abaturage kandi bugakorera abaturage.

Iyi ntambara dukomeje gukururwaho na F.P.R-Inkotanyi, ndetse n'imvururu zakurikiye urupfu rwa Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali, yongeye... yongereye umubare w'imbabare zaje ziyongera ku mubare munini w'abavanywe mu byabo n'intambara, bari bamaze imyaka isaga itatu batakambira muri za bulende.

Muri urwo rwego rwo gushakira izo mbabare zose abazifasha, ejo Ministre w'Intebe, Bwana KAMBANDA Yohani yanabonanye n'abahagarariye Umuryango wa Croix Rouge yo mu Busuwisi. Bamenyesheje Ministre w'Intebe ko biteguye kugoboka abari mu kaga bose kandi vuba na bwangu, ariko kugira ngo ibyo bishoboke basabye ko ituze n'umutekano byagaruka vuba.

Ministre w'Intebe yabamenyesheje ko Guverinoma ikora ibishoboka byose kugira ngo ituze n'umutekano bigaruke.

Ministre w'Intebe yabamenyesheje icyakora ko amahoro azagaruka burundu ari uko F.P.R-Inkotanyi

yemeye gufasha intwaro hasi, ahasigaye imirwano igahagarara, ibibazo byose bigakemurwa binyuze mu nzira y'imishyikirano, tukongera tukayoboka inzira ya demokarasi.

Yabagaragarije ko kuva Guverinoma yiswe iy'Abatabazi yajyaho, ko itahwemye gusaba ko F.P.R-Inkotanyi yareka imirwano, ahasigaye ikibazo kigakemurwa binyuze mu nzira y'imishyikirano.

Ibyo gushaka uko amahoro yagaruka mu gihugu, banasuzumiye mu nama ibyo Ministre w'Intebe, bwana KAMBANDA Yohani yagiranye n'Abasenyeri. Iyo nama na yo yasabye ko intambara yahagarara ituze rikagaruka mu gihugu, ubwicanyi bugahagarara, ahasigaye ibibazo byose bigakemurwa binyuze mu nzira y'imishyikirano.
Nk'uko rero abantu bose babivuga, iby'ituze n'umutekano birashoboka, ariko byashoboka ari uko utera, ari we F.P.R-Inkotanyi, afashije intwaro hasi.

Mu rwego kandi rwo gushaka uko ituze n'umutekano byagaruka mu gihugu cyacu, ejo Ministre w'Intebe yagiranye inama na bamwe mu bayobozi b'abashinzwe umutekano barimwo Jenerali Majoro NDINDILIYIMANA Agustini, Chef d'Etat-major wa Jandarumori y'igihugu. Muri iyo nama bongeye gusaba abaturage kubungabunga umutekano aho batuye, no kuba maso bakirinda ko umwanzi yabameneramo.

Muri izo nama zose, bose basabye F.P.R-Inkotanyi kuyoboka inzira y'imishyikirano, kuko intambara nta cyo yazayigezaho. Bose bifuje ko imishyikirano itegerejwe uyu munsi Arusha muri Tanzaniya yagera ku myanzuro ishimishije.

**- Orateur non identifié, le même journaliste qui parlait avant BAMWANGA:**

Na none mu makuru y'u Rwanda, twababwira ko ku wa gatatu w'iki cyumweru ku Gisenyi habereye umuhango wo kwereka abaturage Prefe mushya wa Prefegitura ya Gisenyi, Docteur

ZIRIMWABAGABO Karoli. Ejobundi ku wa kane umuhango nk'uwo wabereye i Kibungo, abaturage baho berekwa Prefe wabo mushya RUDAKUBANA Anakleti.

F.P.R-Inkotanyi yemeje ku ruhande rwayo guhagarika imirwano mu Rwanda guhera ku wa mbere tariki ya makumyabiri na gatanu z'ukwezi kwa kane igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane saa tanu z'ijoro ku isaha ya hano mu Rwanda.

Icyemezo cyo guhagarika imirwano, F.P.R-Inkotanyi yagitangarije uyu munsi Arusha mu majyaruguru y'igihugu cy'umuhuza Tanzaniya, mbere y'uko imishyikirano itangira, ni itangazo ryashyizweho umukono na Prezida wa F.P.R, KANYARENGWE Alexis.

Mu byo F.P.R-Inkotanyi isaba irifuza ko hashyirwaho imikwabu mu Rwanda, iyo mikwabu ikaba igizwe n'impande zombi zishyamiranye ari zo Guverinoma y'u Rwanda na F.P.R-Inkotanyi.

F.P.R-Inkotanyi irifuza ko ikibuga cy'indege Gerigori KAYIBANDA cyacungwa na Guverinoma y'u Rwanda ifatanyije na F.P.R-Inkotanyi, kugira ngo imfashanyo zigenerwa...z'Amerika... ku wa gatanu na yo ubwayo yongeye gusaba ikomeje Guverinoma y'u Rwanda na F.P.R-Inkotanyi guhagarika imirwano bidatinze, impande zombi zigasubukura imishyikirano igamije amahoro.

Iyo mishyikirano Guverinoma ya Leta zunze ubumwe z'Amerika iravuga ko yiteguye kuyigiramo uruhare rugaragara.

Abakuru b'ibihugu bike...
...ku Rwanda, we aravuga ko kugabanya ingabo z'uwo Muryango bitavuga ko utereranye u Rwanda.

Mu mishyikirano y'Arusha...